**IKINYARWANDA**

**Itariki 19/06/2024**
**Isaha : saa munani-saa kumi**
**(14h00-16h00)**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3

| | |
|---|---|
| **IKICIRO:** | **AMASHURI ABANZA** |
| **UMWAKA WA:** | **GATANU (P5)** |
| **IGIHE KIMARA:** | **amasaha 2** |
| **AMANOTA:** | **...... /50** **CA-MIS** **...... /80** |

**AMAZINA:**..............................

## AMABWIRIZA

1. Ntufungure iyi kayi y'ibibazo by'ikizamini utabiherewe uburenganzira.
2. Ikizamini kigizwe n'**ibibazo cumi na bitanu (15)**. Mbere yo gutangira banza ugenzure niba ibyo bibazo byuzuye n'amapaji yose yuzuye.
3. Ikizamini kigizwe n'ibice bine:

- **Igice cya mbere: Kumva no gusesengura umwandiko** **(amanota 15)**
- **Igice cya kabiri: Ikibonezamvugo** **(amanota 10)**
- **Igice cya gatatu: Ubumenyi rusange bw'ururimi** **(amanota 15)**
- **Igice cya kane: Ihangamwandiko** **(amanota 10)**

4. Ibisubizo bigomba kuba bifututse kandi byuzuye.
5. Gusiribanga no guhindagura ibisubizo bifatwa nko gukopera.
6. Subiriza mu mwanya wagenwe.
7. Koresha ikaramu y'**ubururu** cyangwa iy'**umukara** gusa.

**IBIHE BYA KINYARWANDA**

Ibihe bya kinyarwanda byashingiraga ahanini ku zuba. Ni gutyo abantu bagena ibice by'umunsi bavuga ngo izuba rirarashe, rigeze ijuru hagati cyangwa rirarenze. Ku Banyarwanda, kurenga kw'izuba kwari nko gupfa kwaryo naho kurasa bikaba kuzuka. Iyo izuba ryabaga rirenze, bavugaga ko ryagiye kwa Mugwamporo. Ubwo Abagwamporo bagahita baribaga, ijuru rigahinduka umutuku, bakaririya, bukaba burije. Bamaraga kuririya, igufa ryaryo bakarikubita ku rutare rw'ijuru rikabyara ibishashi. Rikarara ririkakamba bugacya rigeze iburasirazuba, rikongera rikarasa. Ibyo bikaba ibihe byose. Na n'ubu bishobora kuba ari ko bikigenda mu myumvire ya bamwe.

Nanone bashingiye ku miterere y'ikirere bagabanyaga umwaka mo ibihe bibiri by'ingenzi: ibihe by'izuba niba ryacanye n'ibihe by'imvura niba nta riva ahubwo hagwa imvura. Ibihe by'izuba byababaga bibiri, igihe kirekire k'izuba ryinshi bita Impeshyi kiva muri Kamena, kigafata Nyakanga yanga amabuguma na Kanama kanamira Nzeri. Hari n'Urugaryi ari cyo gihe gito k'izuba gitangira muri Mutarama kikageza hagati muri Gashyantare, kikicomeka hagati y'igihe gito k'imvura bita umuhindo, inkuba zikubita. Gihera muri Nzeri cyangwa mu Kwakira kwakira imbuto zose kikageza mu Kuboza kuboza imiteja. Hari kandi n'igihe kirekire k'imvura nyinshi ari cyo bita Itumba. Gihera muri Werurwe kikageza muri Gicurasi. Nk'uko bigaragara ibyo bihe by'imvura bigenda bibisikana n'iby'izuba.

Ibihe bya kinyarwanda kandi byagenwaga hashingiwe ku bintu byabaga byarabaye abantu bose bazi. Hari nk'ibiba ry'imyaka, isarura ryayo, inzara nini zabaye nka Ruzagayura, Rumanurimbaba, Rwakayihura, Gakwege n'izindi; indwara z'ibyorezo nka Muryamo, iyima ry'umwami runaka cyangwa umwaduko w'abazungu. Umuntu mukuru yakubwira ko ikintu iki n'iki cyabaye mu itema ry'amasaka, koyavutse muri Ruzagayura, cyangwa se ku ngoma ya Gahindiro. Umunyarwanda akubwiye ko ikintu iki n'iki cyabaye ku ngoma ya Gahindiro ariko, wagombye kumva ko cyabaye kera cyane. Ibyo kubara imyaka nk'uku tuvuga ngo turi mu mwaka w'ibihumbi bibiri na cumi na gatandatu ntibyabagaho.

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)**

1) Mu myumvire y'Abanyarwanda, izuba barigereranyaga n'iki? Kubera iki?**(amanota 3)**

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

2) Ko uryama ugasinzira, ubwirwa n'iki ko bukeye utarajya kureba hanze?**(amanota 2)**

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

3) Abanyarwanda bagenaga igihe bamaze ku isi bahereye ku ki? **(amanota 3)**

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

4) Ugereranyije n'ibihe tugenderaho kuri ubu, ni ryari izuba riba rigeze ijuru hagati? Umuntu yabibwirwa n'iki? **(amanota 2)**

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………………

5) Uzuza mu nteruro zikurikira ibihe bya kinyarwanda bikurikira: **mu museke**, **ijoro ryose**, **mu nkoko za mbere**, **nijoro, ku kwezi** **(amanota 5)**

(a) Yabategetse kujya bizindura ………………………………………………… bakaza kumufasha guhanura.

(b) Yakundaga guhanura ………………………………………………… akangutse.

(c)Yaraye agenda ………………………………………………… bucya angezeho.

(d) Kuko hari ……………………………, yabyutse bwangu akeka ko ari …………………

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)**

6) Shyira inshinga z'izi nteruro mu ngiro ntega maze usanishe neza interuro. **(amanota 3)**

(a) Abana bamwe na bwamwe bangiza ibidukikije.

…………………………………………………………………………………………………….

(b) Ababaji batemye ibiti mu ishyamba kimeza rya Nyungwe.

.............................................................................................................

.............................................................................................................

(c) Abashumba bataye amashashi mu mazi.

.............................................................................................................

7) Vuga ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro zikurikira: **(amanota 3)**

(a) Kuramo **uwo** mwenda ushaje wambare **umushya.**

.............................................................................................................

.............................................................................................................

(b) Huun! **Huun**! Uhene itangira kubyogabyoga.

.............................................................................................................

8) Erekana uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi by'amagambo atsindagiye mu nteruro ikurikira: **(amanota 2)**

Amaherezo y'**inzira** ni mu nzu.

.............................................................................................................

9) Uzuza interuro zikurikira ukoresheje ikinyazina ngenga gikwiye. **(amanota 2)**

(a) ...........................si ko mbyumva.

(b) Sigara aho ..................................... niba udashaka kwifatanya n'abandi!

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)**

10) Simbuza amagambo atsindagiye andi akoreshwa mu mvugo iboneye mu Kinyarwanda. **(amanota 3)**

Hambere, amata iyo yabaga yakamwe **bayasukaga** mu gisabo yamara **gufata**, **bakayazunguzamo** akavamo amavuta yatekwaga mu biryo ari byo bitaga ibirunge cyangwa akisigwa bakayita ikimuri.

.............................................................................................................

.............................................................................................................

.............................................................................................................

11) Andika ibintu bitatu biranga inkuru ishushanyije **(amanota 3)**

……………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………

12) Tahura mu kinyatuzu gikurikira amagambo ane yerekeranye n'ishuri.**(amanota 4)**

| | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|
| I | B | I | T | I | I | W |
| G | I | S | H | U | R | I |
| O | T | A | R | C | A | S |
| Y | V | H | F | Z | T | O |
| A | B | A | N | A | I | M |
| I | K | I | B | A | H | O |
| A | G | H | N | K | P | J |

……………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………

13) Simbuza amagambo yanditse mu nyuguti zitsindagiye andi magambo aranga igihe bivuga kimwe. **(amanota 2)**

(a) **Hirya y'ejo** nzakubwira icyo nzaba naragezeho.

(b) **Ubwo nzagaruka** nzasange mwarampishiye imineke.

……………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………

14) Kosora amakosa y'imyandikire ari muri iyi nteruro: **(amanota 3)**

Turaza guhura sasita zamanywa.

……………………………………………………………………………………………………

**IGICE CYA KANE: IHANGAMWANDIKO (amanota 10)**

15) Hanga umwandiko w'imirongo cumi n'itanu (15) uvuga uburyo ukunda igihugu cyawe cy'u Rwanda n'icyo ugikundira. Ugaragaze byibuze ingingo eshatu (3) zishyigikira ibitekerezo byawe. **(amanota 10)**

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

....................................................................................................

...................................................................................................

..........................................**IHEREZO**..........................................

**IKINYARWANDA**

**Itariki 19/06/2024**
**Isaha : saa munani-saa kumi**
**(14h00-16h00)**

# IKIZAMINI GISOZA IGIHEMBWE CYA 3
# IMBONERA Y'IKOSORA

**IKICIRO:** **AMASHURI ABANZA**
**UMWAKA WA:** **GATANU (P5)**

**IGICE CYA MBERE: KUMVA NO GUSESENGURA UMWANDIKO (amanota 15)**

1) Abanyarwanda barigereranyaga n'ikinyabuzima kiva amaraso,**(1)** kuko babonaga ijuru rihinduka umutuku izuba rirenze bakabigareranya n'amaraso, **(1)** kandi kiribwa, gifite ubushobozi bwo guhora cyivugurura kuko bakibonaga buri munsi gituruka ahantu hamwe. **(1) (amanota 3)**
2) Mbibwirwa n'uko inyoni zongeye kuvuga, **(amanota 2)** wa mutuzo w'ijoro ugasimburwa n'urusaku. **(amanota 2) (amanota 2)**
3) Abanyarwanda bagenaga igihe bahereye ku bintu byabaga byarabaye nk'ibyago, **(1)** ibyishimo, **(1)** imirimo y'ubuhinzi **(1)**…**(amanota 3)**
4) Igihe izuba riba rigeze ijuru hagati ni saa sita z'amanywa. **(1)** Ubibwirwa n'uko uba ushobora gukandagira igicucu cyawe mu mutwe uhagaze hamwe. **(1) (amanota 2)**
5) Kuzuza mu nteruro hakoreshejwe ibihe bya Kinyarwanda. **(amanota 5)**
   (a) Yabategetse kujya bizindura **mu nkoko za mbere (1)** bakaza kumufasha guhanura.
   (b) Yakundaga guhanura **nijoro (1)** akangutse.
   (c)Yaraye agenda **ijoro ryose (1)** bucya angezeho.
   (d) Kuko hari **ku kwezi**, **(1)** yabyutse bwangu akeka ko ari **mu museke**. **(1)**

**IGICE CYA KABIRI: IKIBONEZAMVUGO (amanota 10)**

6) Gushyira inshinga mu ngiro ntega. **(amanota 3)**
   (a) Abana bamwe na bwamwe bangiza ibidukikije. Ibidukikije byangizwa n'abana bamwe na bamwe. **(1)**
   (b) Ababaji batemye ibiti mu ishyamba kimeza rya Nyungwe. Ibiti byo mu ishyamba kimeza rya Nungwe byatemwe n'ababaji. **(1)**
   (c) Abashumba bataye amashashi mu mazi. Amashashi yatawe mu mazi n'abashumba. **(1)**
7) Ubwoko bw'amagambo atsindagiye ari mu nteruro: **(amanota 3)**
   (a) Uwo: ikinyazina nyereka **(1)** umushya: izina ntera **(1)**
   (b) Huun : inyiganarusaku **(1)**
8) Uturemajambo n'amategeko y'igenamajwi: **(amanota 2)**

inzira: i-n-yira **(1)** y→z/n- **(1)**

9) Kuzuza interuro zikurikira hakoreshejwe ikinyazina ngenga gikwiye. **(amanota 2)**
   (a) **Nge/ ge/ ngewe/ gewe** si ko mbyumva. **(1)**
   (b) Sigara aho **wenyine** niba udashaka kwifatanya n'abandi! **(1)**

**IGICE CYA GATATU: UBUMENYI RUSANGE BW'URURIMI (amanota 15)**

10) Gusimbuza amagambo atsindagiye andi akoreshwa mu mvugo iboneye mu Kinyarwanda. **(amanota 3)**

**bayasukaga: bayabuganizaga (1)** **gufata: kuvura (1)**

**bakayazunguzamo: bakayacunda (1)**

11) Andika ibintu bitatu biranga inkuru ishushanyije **(amanota 3)**
- Inkuru ishushanyije irangwa n'amashusho mbere na mbere. **(1)**
- Igira abanyarubuga, ikagira urusobe rw'ibikorwa kuva ku ntangiriro kugera ku musozo. **(1)**
- Buri munyarubuga arangwa n'igishushanyo gisa ukwacyo yaba ari umuntu akambara ukwe, ku buryo ntawamwitiranya n'undi. **(1)**

- Amagambo umunyarubuga avuga aganira na bagenzi be ashyirwa mu kaziga cyangwa mu gakiramende gafite akarizo kerekeza ku gishushanyo kimugaragaza.
- Amashusho n'amagambo agabanywa mu tuzu, buri munyarubuga uri mu kazu ke
- Ibiganiro bitondekwa uva ibumoso ujya iburyo, ukabona kumanuka.
- Iyo hakenewe ibisobanuro, umubarankuru abitanga mu gakiramende katagira igishushanyo

12) Gutahura mu kinyatuzu amagambo yerekeranye n'ishuri: **(amanota 4)**
- ISHURI **(1)**
- ISAHA **(1)**
- IRATI **(1)**
- IKIBAHO **(1)**
- ABANA
- IBITI
- ISOMO

13) Gusimbuza amagambo andi aranga igihe bivuga kimwe.**(amanota 2)**

(a) Hirya y'ejo: ejobundi **(1)**

(b) Ubwo nzagaruka: ubutaha **(1)**

14) Gukosora amakosa y'imyandikire ari muri iyi nteruro: **(amanota 3)**

Turaza guhura **saa (1) sita (1) z'amanywa. (1)**

**IGICE CYA KANE : IHANGAMWANDIKO (amanota 10)**

15) Guhanga umwandiko w'imirongo cumi n'itanu (15).**(amanota 10)**

Hazarebwa umwandiko umunyeshuri azaba yanditse n'ibitekerezo bishyigikira ingingo ze. Zimwe muri izo ngingo ni izi zikurikira:

**Imiterere y'u Rwanda : imisozi n'ibibaya, ikirere kiza, ibihe bisimburana**

**Ubuyobozi bwegerejwe abaturage**

**Ubutabera kuri bose**

**Uburenganzira bw'abana n'abagore**

**Uburinganire n'ubwuzuzanye**

**Imibereho y'abaturage ...**

Hazarebwa kandi kubahiriza imbata y'umwandiko hakanakosorwa amakosa y'imyandikire n'ay'inozamvugo.